

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITIRI MURI PRIMATURE USHINZWE
ITERAMBERE RY’UMURYANGO
N’IRY’UBURINGANIRE

**RAPORO Y’INAMA YA GATATU Y’IGIHUGU
Y’ABANA**

Jali Club Kigali

Kuwa 30-31 Nyakanga 2007

Kinyarwanda

INTANGIRIRO

1.1. Igihe n’aho inama nkuru ya gatatu y’abana yabereye

1.2. Abitabiriye inama

*1.3. Ubufatanye bw’inzezo mu gikorwa cyo gutegura namay’Igihugu
ya gatatu y’abana*

1.4. Intego

1.5. Umusaruro wari utegerejwe

2. UKO INAMA YA GATATU Y’ABANA YAGENZE

2.1 Umuhango wo gufungura inama

2.2 Ingingo zibanzweho n’abafashe ijamba hafungurwa inama

3. IBIGANIRO BYATANZWE

3.1. Umwana muri gahunda ya EDPRS.

3.1.1. Ibisobanuro kuri EDPRS : MINECOFIN

3.1.2. Uko ibitekerezo by’abana byitaweho

3.1.3. Intego za EDPRS z’ikinyagihumbi

3.1.4. Gahunda zihari za EDPRS

3.1.5. Ingamba zo gushyira mu bikorwa EDPRS

3.2. Uruhare rw’inzezo zinyuranye mu gukemura ibibazo by’abana

3.2.1 Kurengera abana: MIGEPROF

3.2.2. Imyigire y’abana: MINEDUC

3.2.3. Gukumira imirimo mibi ikoreshe abana no kuyibavanamo: MIFOTRA

3.2.4. Kwita ku bana bacitse ku icumu rya Jenoside batishoboye: FARG

3.2.5 Ingamba za Leta mu kurinda abana SIDA: CNLS

3.2.6 Ihohoterwa rikorerwa abana

3.2.6.1 Uko abana babona ihohoterwa: Umwana uhagarariye abandi

3.26.1. Urahare rw'Umunyarwandakazi uri mu nteko ishingira amategeko mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: FFRP

3.2.6.2 Uruhare rwa Komisiyo y'Uburenganzira bwa MUNTU mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: CNDP

3.2.6.3 Uruhare rwa Polisi y'igihugu mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: Polisi y'igihugu

3.2.6.4 Uruhare rwa Sosiyete sivile mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: HAGURUKA

4. IBIBAZO N' IBYIFUZO ABANA BAGARAGAJE MU NAMA

4.1 Ibibazo

4.1.1 Mu burezi

4.1.2 Kurengera abana

4.2 Ibyifuzo

4.2.1 Mu rwego rw'uburezi

4.2.2 Mu rwego rw'iterambere

4.2.3 Guha abana ijambo

5. UMUSOZO

5.1 Imyanzuro yavuye mu nama ya gatatu y'abana

5.2 Umuhango wo gusoza inama

6. IMIGEREKA

Umugereka 1: Gahunda y'Inama Nkuru ya gatatu y'abana

Umugereka 2: Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe mu muhango wo gutangiza Inama nkuru ya Gatatu y'abana.

Umugereka 3: Ijambo ry'ikaze rya Minisitiri muri Primature ushinzwe iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburunganire

Umugereka 4: Discours du Representant de l'Unicef aux ceremonies d'ouvertures

Umugereka 5: Discours du Representant de l'Unicef aux ceremonies de clôtüre

Umugereka 6: Ijambo rya Minisitiri muri Primature risoza Inama Nkuru ya gatatu y'abana.

Umugereka wa 7: Lisiti y'abana bitabiriye inama Nkuru ya Gatatu y'abana

IMPINAMAGAMBO

EDPRS	: Economic development and Poverty Reduction Strategies
MIGEPROF	: Ministère à la primature chargé de la Promotion de la Famille et du Genre
MINEDUC	: Ministère de l'Education
MINECOFIN	: Ministry of Finance and Economic Planing
CNDP	: Cimmissions Nationale des Droits de la Personne
CNUR	: Commission Nationale d'Unité et Reconciliation
SIDA	: Syndrôme d'Immuno-Déficiance Acquise
CNLS	: Commission Natioanale de Lutte contre le VIH/SIDA
UNICEF	: United Nations Children's Fund
AGR	: Association des Guides du Rwanda
ASR	: Association des Scouts du Rwanda
MIFOTRA	: Ministère de la Foction Publique et du Travail
FARG	: Fonds d'Assistances aux Rescapés du Génocide
MINALOC	: Ministère de l'Administration Locale, de la BonneGouvernance, du Developement Communautaires et des Affaires Sociales
FFRP	: Forum des Femmes Parlementaires Rwandaises

1. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo guha umwana umwanya wo kugira uruhare mu kubaka igihugu, habaho inama nkuru y'igihugu y' abana bahagarariye bagenzi babo. Izo nama z'abana zibera ku rwego rw'igihugu, zitegurwa hagamijwe kubaha urubuga batangiramo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo batavugiwe n'abantu bakuru. Ibitekerezo by'abana bifatwa nk'umusanzu mu kubaka igihugu. Abana ubwabo nibo biyoborera inama ndetse bagakora n'imirimu isabwa ngo inama igende neza: kwakira abashyitsi, kuyobora ibiganiro, n'ibindi.

Mu mwaka w'2004, kuva taliki ya 29 kugeza taliki ya 30 Mata, ku nshuro ya mbere mu Rwanda, habaye inama ya mbere y'Igihugu y'abana yateraniye i Kigali, ifite insanganyamatsiko ikurikira: **Icyizere cy'umwana mu bumwe n'ubwiyunge “Kwicuza kw'abantu bakuru”**.

Iyo nama yahuje abana basaga 250, bari baturutse mu Turere twose tw'Igihugu.

Mu myanzuro yafashwe muri iyo nama, harimo ko buri mwaka hazajya haba Inama y'abana bahagarariye bagenzi babo ku rwego rw'Igihugu.

Hakurikijwe uwo mwanzuro, Inama ya kabiri y'abana yagombaga kuba mu mwaka wa 2005; ariko ntiyabaye bitewe n'izindi gahunda za Leta zihutirwaga ku rwego rw'Igihugu icyo gihe. Mu buryo bwo kubahiriza icyifuzo cy'abana, iyo nama yimuriwe ku italiki ya 19 Mutarama 2006, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Twubake u Rwanda rubereye abana”**.

Muri gahunda yo gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro iba yemeranyijweho mu nama nkuru y'abana, kuva tariki 22 Werurwe kugera tariki ya mbere Mata 2007, habayeho inama z'abana ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zatangiwe mo ibitekerezo kuri gahunda y'iterambere ry'igihugu (EDPRS) hagamijwe gutegura inama nkuru ya gatatu y'abana. Taliki ya 30-31 Nyakanga 2007 niho inama nkuru y'Igihugu ya gatatu y'abana yabaye, ku nsanganyamatsiko ikurikira: **“Umwana muri gahunda y'Amajyambere Rusange y'Igihugu”**.

1.1 Igihe n'aho inama nkuru ya gatatu y'abana yabereye

Inama nkuru ya gatatu y'abana yabaye taliki ya **30-31 Nyakanga 2007**, ibera i Kigali mu Karere ka Nyarugenge, muri **Jali Club**, hakurikijwe ingengabihe iteye itya:

- Taliki ya **28/07/2007**: kugera kw’abana mu icumbi ryabo Kacyiru mu mazu y’Umuryango Utabara imbabare w’ u Rwanda “Croix Rouge Rwandaise”.
- Taliki ya **29/07/2007**: Guha abana bitabiriye inama urubuga rwo kumenyana, kwiha inshingano no gutegura inama
- Taliki ya **30-31/07/2007**: Inama ya gatatu y’abana nyirizina
- **01/08/2007**: Gutaha kw’abana bari bitabiriye inama

1.2 Abitabiriye inama

- Abana bahagarariye abandi bana kuri buri Murenge bagera kuri 416.
- Abantu bakuru baje baherekeje abana bagera kuri 30, umuntu umwe kuri buri Karere.
- Intumwa z’inze zagize uruhare mu gutegura inama nkuru y’abana.
- Abahagariye inzego za Leta zinyuranye, imiryango itagengwa na Leta ndetse n’abahagarariye amashami y’umuryango w’abibumbye bose hamwe bagera kuri 200.
- Abana bari muri Diaspora (Uburundi, Hollande na Afurika y’Epfo bagera kuri 25.

1.3 Ubufatanye bw’inze mu gikorwa cyo gutegura inama y’igihugu ya gatatu y’abana.

Mu rwego rwo kunoza igikorwa, hashyizweho Komite Tekinike ishinzwe gutegura inama ya gatatu y’abana. Iyo Komite Tekinike yari igizwe n’abakozi bahagarariye inzego zikurikira : MIGEPROF nk’urwego ruyoboye icyo gikorwa, Minisiteri y’Imari n’Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y’Uburezi (MINEDUC), Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu (CNDP), Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge, Komisiyo y’Igihugu Ishinzwe Kurwanya SIDA(CNLS), Polisi y’Igihugu, UNICEF nk’Umuterankunga mukuru mu gikorwa, imiryango itegamiye kuri Leta (Umuryango w’Abagide mu Rwanda (ARG), Umuryango w’Abasukuti mu Rwanda (ASR), Uyisenga n’Manzi nk’umuryango ushinze gucunga imikoreshereze y’ingengo y’imari), Editions Bakame na Save the Children.

1.4 Intego

Hitawe cyane ku cyerekezo u Rwanda rwihaye 2020, hagamijwe gahunda y’amajyambere arambye, inama y’igihugu ya gatatu y’abana yari ifite intego zikurikira:

- Guha abana urubuga rwo kuganira n’abayobozi bakuru b’Igihugu
- Kugeza ku bana uko ibitekerezo byabo byinjijwe mu nkingi za EDPRS nyuma y’inama zabaye mu ntangiriro y’umwaka wa 2007, zahuje abana bahagarariye bagenzi babo muri buri Ntara n’Umujyi wa Kigali, batowe na bagenzi babo mu mirengye yose.

- Kuba bamwe mu bayobozi bakuru b'Igihugu bageza ku bana "Gahunda Nkuru z'Igihugu: politiki, porogaramu n'ibindi bikorwa binyuranye bikorerwa abana.

1.5 Umusaruro wari utegerejwe

- Abayobozi Bakuru b'Igihugu basobanurirwe imibereho y'abana ndetse no ku buzima bwabo bwa buri muni muri rusange
- Kuganiriza abana uko ibitekerezo byabo byitaweho byinjizwa mu nyandiko ya gahunda y'iterambere ya EDPRS.

2. UKO INAMA YA GATATU Y'ABANA YAGENZE

2.1. Umuhango wo Gufungura inama

Inama nkuru ya gatatu y'abana yafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Bernard MAKUZA, Minisitiri w'Intebe.

Abandi bafashe ijamba muri uwo muhango wo gutangiza iyo nama ni Minisitiri muri Primature, ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Intumwa y'uhagarariye UNICEF mu Rwanda n'umwana uhagarariye bagenzi be bari bitabiriye inama.

2.2 Ingingo zibanzweho n'abafashe ijamba hafungurwa inama

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda umushyitsi mukuru muri iyo nama, waje ahagarariye Nyakubahwa Perezida wa Repulika, yagejeje ku bari bitabiriye inama indamutso ya Nyakubahwa Perezida w'Igihugu, abifuriza ubuzima bwiza kandi ashimira cyane abayobozi bahagarariye inzego zinyuranye baje kwifatanya n'abana muri iyo nama.

Abana bose bashimiwe uruhare bagize mu rwego rwo gutegura inama ya gatatu y'abana, kuko bitoreye ababahagarariye mu mirengi. Ayo matora yabaye mu mpera z'umwaka w'2006 yagaragaje abana 416 bahagarariye bagenzi babo mu mirengi yose igize igihugu.

Hashimiwe abana bitabiriye inama zabanjirije iyi, aho abana bahagarariye abandi bahuriye muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali, bakagira uruhare rugaragara rwo gutanga ibitekerezo bigomba kwinjizwa mu nkingi za EDPRS.

Abantu bakuru bitabiriye inama yagatatu y'abana basabwe gutega amatwi abana no kubagira inama.

Yasabye ubufatanye bw'inzego zitandukanye kugira ngo habeho gahunda zituma abana babaho neza kuko aribo bayobozi b'ejo hazaza.

Yakomeje avuga ko ababyeyi , abayobozi bafite inshingano zo gufata neza abana (kubatoza umuco w'ubutwari, kugira ikanyabupfura no kuba inyangamugayo, kubungabunga uburenganzira bwabo cyane cyane tubagaragariza urukundo, kububaha , guharanira ko bagira ubuzima bwiza mu birebana n' isuku, kuvuzwa gukingirwa, kwigishwa, guhabwa ubumenyi buhagije n'ibindi.

Ku ruhande rw'abana, nabo basabwe ko bagomba kwemera inama nziza bahabwa, gucyahwa n'igitsure kuko igiti kigororwa kikiri gito. Abana basabwe kandi kwanga ikibi no kwamagana ingengabitekerezo ya Jenocide.


3. IBIGANIRO BYATANZWE

Ibiganiro byatanzwe mu nama ya gatatu y'abana, abana babigejejweho n'abayobozi bari bahagarariye inzego za Leta zitandukanye, ibigo bishamikiye kuri Leta ndetse n'imiryango y'abikorera ndetse n'abana ubwabo.

Inzego zagize uruhare mu gutanga ibyo biganiro twavugaga izi zikurikira : MIGEPROF, MINEDUC, FARG, MIFOTRA, CNLS, MINECOFIN, FFRP, POLISI Y'IGIHUGU, KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU na HAGURUKA.

Ibiganiro byatanzwe ni ibi bikurikira:

3.1 Umwana muri gahunda ya EDPRS.



3.1.1 Ibisobanuro kuri EDPRS: MINECOFIN

Intumwa ya Minisiteri y’Imari n’igenamigambi, Bwana Maximilien USENGUMUREMYI yatangiye ikiganiro yibutsa ko Gahunda y’Imbaturabukungu mu iterambere EDPRS izatangira 2008 ikageza mu mwaka wa 2012.

Yasobanuye ko gahunda ya EDPRS ije isimbura gahunda yitwaga Gahunda yo Kurwanya Ubukene PRSP, iyi gahunda ikaba yaritaga cyane ku bibazo by’imibereho myiza y’abaturage. Ikigamijwe muri gahunda ya EDPRS ni ugushyira ingufu cyane kubijyanye no kuzamura ubukungu, kwegereza abaturage ubuyobozi n’ubushobozi ndetse no kuba Leta izafatany n’abikorera.

➤ ***Ibibazo byihutirwa muri EDPRS nk’uko byagaragajwe n’inzego zinyuranye:***

- Kuzamura ubukungu
- Gushora imari mu bikorwa Remezo

- Kuvugurura ubuhinzi
- Guteza imbere ubushobozi bushingiye ku bumenyi
- Gucunga neza ibidukikije
- Kugabanya umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage
- Guhashya ubukene bukabije (ubu turi kuri 57% y'abantu bari muni y'umurongo w'ubukene). Abafite ubukene bukabije ni 36.9% (harimo imfubyi n'abapfakazi)
- Gukurikirana ibikorwa no kubisuzuma (nta mibare ifatika ihari)
- Kugabanya umubare w'abana bapfa bataruzuzwa imyaka itanu, kugabanya umubare w'abana bafite imirire mibi.

➤ ***Inzego z'Imirimo EDPRS izibandaho***

- Uburezi
- Ubuhinzi
- Guteganyiriza imibereho myiza
- Ibidukikije n'ubutaka

➤ ***Ibibazo by'imbariro***

- Uburinganire,
- Kwita ku basigaye inyuma cyangwa abatishoboye. Aha niho hari abana.
- icyorezo cya SIDA
- Ibidukikije.

3.1.2 Uko ibitekerezo by'abana byitaweho muri EDPRS

Impuguke muri MINECOFIN yashimiye abana uruhare bagize mu gutanga ibitekerezo byabo, ubwo mu ntara zabo n'umujyi wa Kigali bicaraga bagasobanurirwa EDPRS, maze nabo bakagaragaza icyo bayitekerezaho. Iyo ntumwa yabwiye abana ko ibitekerezo byabo, kimwe na babandi bose bagize igihe cyo guhura ngo batange umusanzu, byinjijwe mu gitabo kimwe (document) izagenderwaho mu gihe cy'imyaka itanu.

Yavuze ko hasesenguwe ibibazo by'abatishoboye, hitawe cyane cyane kuri gahunda zo gukingiza abana mu cyaro.

Hagaragajwe uburyo abana b'abakene badashobora kujya mu mashuri yisumbuye.

Hagaragajwe ukuntu inkunga igenerwa abatishoboye icyiri nke ndetse n'uburyo iyo ibonetse idatangwa neza.

Hagararamo uburyo ihohoterwa rigihari.

3.1.3 Intego za EDPRS z'ikinyagihumbi

- Kugabanya imirire mibi
- Kugabanya ubusumbane hagati y'abakire n'abakene
- Kongera umubare w'abana biga mu byiciro byose by'amashuri
- Kwita ku buzima bw'abana n'ababyeyi

- Kurwanya malariya
- Kurwanya SIDA
- Guharanira kugira isuku
- Guhashya indwara abana bavukana
- Gushimangira amategeko arengera abana.

3.1.4 Gahunda zihari za EDPRS

- Hari Porogaramu yo kwihaza mu biribwa
- Hari Porogaramu zijyanye n’ubuzima: Kurinda abana kwanduzwa n’ababyeyi babo babatwite cyangwa babonsa: PMTCT, gufasha abana bamugaye mu mutwe
- Hari Programu ku rwego rw’Umurimo
- Hari Prorogaramu yerekeye imibereho myiza y’abaturage: aha abana bifuje ko habaho kubarura ibibazo uko biteye, mibare nyayo y’abatishoboye ikamenyekana.
- Mu rwego rw’ubutabera abana basabye ko habaho gufasha abatishoboye guhagararirwa mu nkiko, Gushyira mu bikorwa itegeko ryerekeye ihohoterwa no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Mu gushyigikira ubumwe n’ubwiyunge hifujwe gahunda ihamye yo: gufasha abahungabanye
- Mu miyoborere myiza, hasabwe kwegereza ubuyobozi abaturage
- Abana bibukije kandi ko bemerewe na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y’u Rwanda ko hazajyaho Komisiyo y’Igihugu y’Abana yashingwa gukurikirana no gusuzuma ibikorwa abana
- Urwego rw’urubyiruko mu iterambere rwagaragaje umusanzu warwo: kwita ku mfubyi, ku bana batagira aho baba, abana b’inzererezi.
- MINECOFIN kandi ikorana n’Imiryango itegamiye kuri Leta mu bijyanye no kurwanya ubukene

3.1.5 Ingamba zo gushyira mu bikorwa EDPRS

Intumwa ya MINECOFIN yashoje igaragaza ibigiye gukorwa nyuma yo gukusanya no kwemeza ibitekerezo by’inzeho zinyuranye harimo n’abana kuri EDPRS:

- Gukora ibarura ryerekana ibijyanye n’ingengo y’imari,
- Gushyiraho urwego rugomba guhuza ibikorwa ku karere
- Kwita kuri gahunda 2020 umurenge.
- Inzego zihariye zigiye gutegura ingamba zo kubishyira mu bikorwa. EDPRS izakorwa mu ndimi eshatu: Kinyarwanda, Français, Anglais.

3.2 Uruhare rw'inzego zinyuranye mu gukemura ibibazo by'abana

3.2.1 Kurengera abana: MIGEPROF

Muri iki kiganiro, Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Madamu NYIRAHABINEZA Valerie yagaragaje iby'ingenzi bimaze gukorwa kugira ngo imibereho y'umwana mu muryango irusheho gutera imbere harimo:

- Kuba kuva mu mwaka w'2003 hari politiki y'abana b'imfubyi n'abandi bana bafite ibibazo,
- Kuba hashyizweho itegeko ryerekeranye n'icuruzwa rikorerwa abantu
- Kuba Leta igira uruhare mu gutera inkunga ibigo byakira abana b'imfubyi
- Kuba hari gahunda y'abana b'inzererezi y'igihe kirambye yo kubavana mu mihanda.

Harateganywa gukwirakwiza mu Ntara gahunda yo kwita ku bana b'inzererezi no kuyitanga ho ibisobanuro

- Harateganywa gushyirwaho amategeko agenga umuryango kugira ngo umubyeyi uteshutswe ku nshingano ze zo kurera abihanirwe.

3.2.2. Imyigire y'abana: MINEDUC

Ku birebana na Politiki n'ingamba bya Leta mu gukemura ikibazo cy'imyigire y'abana b'imfubyi n'abana bugarijwe n'ibibazo harimo n'abana bafite ubumuga, Minisitiri w'Uburezi, Madamu MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc, yagaragarije abana ko Leta yafashe ingamba zikurikira :

- Hashyizweho ingamba zo kwigira ubuntu mu mashuri abanza, aho Leta igenera amafranga umwana wese wiga mu mashuri ya Leta yo kugura ibikoresho no kunganira ishuri.
- Mu rwego rwo guca umuco w'abana bacikiriza amashuri, Leta yashyizeho gahunda ituma abana bakomeza kwiga kugira ngo abataye ishuri bakomeze amashuri yabo.
- Hariho harategurwa Politiki y'Uburezi kugira ngo amashuri makuru ajye ashobora kwakira abana bamugaye kugira ngo abana bamugaye bigane n'abandi.
- Buri mwaka MINEDUC ishyigikira ibigega by'Uburezi itanga amafaranga yo gutera inkunga abanyeshuli batishoboye.
- Harateganywa ko amashuri makuru UNR, KIST, KIE, SFB na KHI azatangira kwakira abana bafite ubumuga mu mwaka wa 2008; aya mashuri yamaze kugaragaza ibikenewe bizatuma haboneka impuguke zo kuzigisha mu mashuri abanza.
- Hariho harategurwa itegeko rizagenga ibigega by'uburezi mu Turere, kuko hari ahagaragaye ibinengwa byo gukosora

3.2.3. Gukumira imirimo mibi ikoreshwa abana no kuyibavanamo: MIFOTRA

Ku bijyanye na gahunda n'ingamba bya Leta mu rwego rwo gukumira imirimo mibi ikoreshwa abana no kubavana muri iyo mirimo, Umunyamabanga wa Leta umuri Minisiteri ishinzwe abakozi ba Leta n'umurimo, Madamu Angelina MUGANZA, yagaragaje ingingo zikurikira:

- Hariho Politiki y'igihugu y'umurimo ifite gahunda ziyishamikiyeho nk'iyi kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana. Ishingiye ku Itegeko nshinga, ku cyerekezo 20-20, no ku kirangantego cy'u Rwanda.
- Hari gahunda y'imyaka 5 yerekeye guha agaciro umurimo w'abana
- Hari gahunda y'imyaka 5 yo guha agaciro umurimo w'urubyiruko
- Hari gahunda y'imyaka 5 yo guha agaciro umurimo w'abamugaye.
- Gahunda yo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana
- Hashyizweho abagenzuzi b'umurimo muri buri karere, mbere bari ku rwego rw'Intara gusa
- Hariho komite ngishwanama igizwe na MIGEPROF, KURET (urugaga ruharanira kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana, rugizwe n'ibihugu Kenya, Uganda, Rwanda na Etiyopiya) na POLISI .
- Harateganywa kongererera ubushobozi komite ngishwanama, gufasha uturere gushyira mu mihigo kuvana abana mu mirimo mibi, gushyiraho Politiki yihariye yo kuvana abana mu mirimo mibi, gukora anketi mu gihugu cyose ku byerekeye imirimo mibi ikoreshwa abana. Iki gikorwa kizakorwa na "Institut National des Statistiques".
- Gushishikariza abanyarwanda kumenya uburyo imirimo mibi ikoreshwa abana irwanywa kandi bagakangurirwa kubigiramo uruhare
- Kwigisha abana imyuga ifite agaciro ku isoko ry'akazi
- Kwigisha abana kwihangira imirimo.

3.2.4. Kwita ku bana bacitse ku icumu rya Jenocide batishoboye: MINALOC/FARG

Mu bijyanye no kwita ku bana barokotse jenocide, Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Ikigega cya Leta kigenewe gutera inkunga abacitse ku icumu batishoboye FARG, Bwana KAREKEZI Jean Marie Vianney, yagaragaje ibi bikurikira:

- Mu mwaka w'1998 hagiyeho itegeko rishyiraho FARG; muri iki gihe uburezi n'ubuzima nibyo biri ku isonga y'ibikorwa.
- Gahunda y'uburezi itwara nibura 60% by'ingengo y'imari yose ya FARG (mu mwaka w'2006 hafashijwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye 39.000 naho umwaka wa 2007 hamaze gufashwa abanyeshuri bagera ku 48.000 biga mu mashuri yisumbuye. Hafashijwe kandi abanyeshuri bagera kuri 5.000 mu mashuri makuru).

- Hari gahunda y'ubuzima, aho ikigega cy'abacitse ku icumu batishoboye gifasha abatishoboye kwivuza cyane cyane imfubyi, babishyurira ubwishingizi mu kwivuza (mutuelles de santé) cyangwa babavuzi.
- Hari gahunda yo gufasha abatishoboye kwifasha. Ibi bireba abana baba mu cyaro batagize amahirwe yo kwiga, bakora imishinga ibyara inyungu.
- Hariho kandi gahunda yo kubakira abacitse ku icumu batishoboye hitawe cyane cyane ku bana b'imfubyi.
- Harateganywa ko gahunda yo gufasha abatishoboye kwifasha izagenda isimbura buhoro buhoro inkunga y'ingoboka kuko ari byo byatuma bo ubwabo bikura mu bukene.
- Harateganywa kongerwa umubare w'abana bajya muri Kaminuza n'Amashuri makuru.

Muri iki kiganiro, hagaragajwe ingorane abana bacitse ku icumu batishoboye bakunze guhura nazo:

- Abana badashobora gukomeza mu mashuri makuru na Kaminuza,
- Abana bakirwa mu bigo bidafite ubushobozi,
- Abana babura uko bivuzi ku mashuri
- Abana batabonera igihe inkunga y'ingoboka n'abayibonye ikaba idahagije.

3.2.5 Ingamba za Leta mu kurinda abana SIDA: CNLS

Iki kiganiro cyatanze n'Umunyamabanga nshingwabikorwa wa Komisiyo y'igihugu ishinze kurwanya SIDA, Madamu BINAGWAHO Agnès. Yagaragarije abana n'abitabiriye inama ibi bikurikira:

- Hari gahunda yo gusobanura uburyo SIDA yandura binyujijwe mu biganiro cyane abana bumvishwa kujya bamenya kwanga gukora cyangwa gukoreshwa imibonano mpuzabitsina.
 - Hari gahunda yo kugabanya ubwandu bwa SIDA cyane cyane mu rubyiruko ruri hagati y'imyaka 15 kugeza ku myaka 21, rukangurirwa kwipimisha ku bushake, kuko ariyo nzira yo guhabwa imiti ku buntu.
 - Hahuguwe abakozi batanga imiti igabanya ubukana bwa SIDA
 - Hashyizweho uburyo bw'imikoranye mu bijyanye no kurwanya icyorezo cya SIDA hagati ya komisiyo y'Igihugu yo kurwanya SIDA n'Uturere
 - Hari ibikorwa bikorerwa abana batishoboye hagamijwe kubungabunga ubuzima bwabo bwa buri muni
 - Hatangwa inkunga y'ibiribwa mu batishoboye ndetse no kubana biga mu mashuri yisumbuye babana n'ubwandu bwa SIDA.
- Harateganywa kugaragazwa umubare w'abana batishoboye barwaye SIDA kugira ngo bashyirwe muri gahunda y'ubuvuzi (ubwishingizi bw'ubuzima, gushyirwa ku miti igabanya ubukana : ARV).

3.2.6 Ihohoterwa rikorerwa abana


3. 2.6.1 Uko abana babona ihohoterwa: Umwana uhagarariye abandi

- Abana b’abakene bashorwa mu buraya cyangwa bashyingirwa imburagihe
- Abana bibana bahuguzwa imitungo yabo cyangwa se baryozwa ibyo ababyeyi babo basize bakoze
- Abana bo mu mihanda bahohoterwa bakiba iwabo bigatuma bahunga
- Abana baba mu miryango yabakiriye bakoreshwa imirimo ivunanye, basambanywa cyangwa bavanwa mu mashuri
- Abana bamugaye benshi ntibabasha kwiga
- Abana babana n’ubwandu bwa Virusi itera SIDA bahabwa akato
- Abana bo muri gereza bafite imirire mibi, babura amashereka kubera ko ababyeyi babo nta ndyo iboneye bahabwa.

▪ Uruhare rw’abana mu kurwanya ihohoterwa

Umwana uhagarariye abandi watanze ikiganiro yagaragaje ibyo bo nk’abana bakora ngo batange umusanzu mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana bagenzi babo cyangwa no kuri bo ubwabo.

- Gukora ubuvugizi ku bana bahohotewe
- Kwamagana ikibi cyose kidukorerwa
- Kumenya kuvuga oya yeruye
- Kugira ikinyabupfura mu byo abana bakora no gusaba imbabazi
- Kudahishira abakorera abana ihohoterwa
- Kugisha inama abantu bakuru mbere yo kwifatira ibyemezo



3.2.6.2. Urahare rw'Umunyarwandakazi uri mu nteko ishingamategeko mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: FFRP

Umuyobozi w'Isyirahamwe ry'Abagore bari mu Nteko Ishingamategeko, Hon MUKANDUTIYE Spéciose yahaye abana n'abari mu nama ikiganiro ku musanzu w'Abadepitekazi mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana mu ngingo zikurikira:

- Uburenganzira bwa Muntu muri rusange tubusanga mu Itegeko Nshinga.
- Tubusanga muri *Convention des Droits de l'Enfant* (CDE): hagaragazwa uburenganzira bunyuranye harimo kurinda ivangura, ko umwana amenya ababyeyi be, kwiga amashuri, kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose no kumushakiraho inyungu
- Leta ifite inshingano yo kubungabunga uburenganzira bw'umwana nko gutera inkunga ababyeyi batishoboye, gukurikirana imibereho y'abana bari mu miryango yabakiriye no gukingira abana ibyabahutaza
- Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishingamategeko barinda umwana ihohoterwa n'ababyeyi, bijyana n'inshingano zabo nk'abashingamategeko.

▪ Inshingano z'umunyarwandakazi nk'umushingamategeko:

- Kugaragaza urutonde rw'amategeko abanganye (urugero Ubwishingizi bw'umwana wagize impanuka, Urwunge rw'amategeko mbonezamubano, amategeko agenga umurimo mu gihugu,, amategeko agenga umurimo ku rwego mpuzamahanga, amategeko yerekeye inkwano
- Gushyiraho amategeko (urugero: Itegeko ry'izungura, itegeko ry'ubwenegihugu, itegeko rikumira rikanahana ihohoterwa rishingiye ku gitsina riri kwigwaho muri za Komisiyo.
- Bakora kandi urutonde rw'amategeko bumva yashyirwaho (urugero: Itegeko ku bangiza ibitsina, itegeko rigenga ubuzima bw'imyororokere
- Kugenzura ibikorwa n'imikorere ya Guverinoma
- Gutora ingengo y'imari, gukurikirana inshingano za Leta, kuganira n'ibyiciro bireba abana, kuganira n'abana ubwabo ndetse no gukora ubuvugizi

3.2.6.3 Uruhare rwa Komisiyo y'Uburenganzira bwa MUNTU mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: CNDP

Komiseri KANYANGE watanze iki kiganiro yatangiye avuga ku nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko itegeko riyishyiraho rizivuga, cyane cyane ku bijyanye no kurengera umwana no kumurinda ihohoterwa:

Guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana ihohoterwa ry'umwana (mu iperereza ryakonzwe mu bigo by'abana b'imfubyi hagaragaye ko hari abana batoragurwa batazi ababyeyi babo).

- Abana birera bavutswa uburenganzira ku burezi, ku icumbi, bakora imirimo ivunaye n'ibindi.
- Abana bo mu mihanda, kenshi bava mu miryango irimo umwiryane. barahohoterwa.
- Abana bakora mu mirima y'ibyayi, imirima y'imiceri, mu birombe (carrières), abakora mu tubari, muri za restaurants (usanga hari abijyanayo kubera amaburakindi hari n'abashorwamo n'ababyeyi.
- Hifuzwa ko hashyirwaho "Observatoire des droits de l'enfant" ishinze gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa, uko ihohoterwa ryabo riteye no gukora ubuvugizi. Hajyaho komite ku rwego rw'umurenge, ku rwego rw'akarere no ku rwego rw'Igihugu. Izi nzego zamenya abana bahohotewe no kugeza raporo ku rwego rw'akarere. Ku rwego rw'Akarere naho bakusanya ibyavuye mu mirengi no kureba impamvu zabyo.
- Komisiyo y'uburenganzira bwa Muntu yashyizeho komite z'Uburenganzira bw'Umwana mu mashuri
- Iyi komisiyo irateganya kandi gukangurira uburenganzira bw'umwana inzego zinyuranye, gukomeza gushyiraho komite mu Ntara y'amajyaruguru n'iy'Uburasirazuba no kugaragaza uko ihohoterwa ry'Umwana riteye

3.2.6.4 Uruhare rwa Polisi y'Igihugu mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: Polisi y'igihugu

Umuyobozi mukuru wungirije wa Polisi Madamu GAHONZIRE Mary, yavuze ko ihohoterwa rikorerwa mu miryango ari ikibazo kigikomeye kandi kigira ingaruka zinyuranye muri sosiyete nyarwanda.

Yakomeje avuga ko Polisi y'igihugu kimwe n'izindi nzego yafashe ingamba zo gukumira no kurwanya iryo hohoterwa rikorerwa mu miryango no ku bana, ishyiraho servisi yitwa « **Child and Family Protection Unit** »

Nyamara ariko ngo ntabwo icyo cyaha kigabanuka nk'uko imibare itangwa ibigaragaza, muri ubu buryo :

- Abana 3.069 basambanyijwe
- Abana 79 bishwe
- Abana 10 bahotowe
- Abana 392 bakubiswe bikabije.
- Abana 1803 bavukijwe uburenganzira bwo kuzungura imitungo y'iwabo

Uko kutagabanuka kubyaha by'ihohoterwa rikorerwa mu miryango byatumye ku bufatanye bwa Polisi y'igihugu na MIGEPROF, ku nkunga ya UNFEM/UNDP, ubu hashyizweho **Gender desk**, hagamijwe gutabara vuba abahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa ; iyo gender desk ikorera mu buyobozi bw'ubugenzacyaha bwa Polisi y'igihugu, ikaba ikora ku ihohoterwa rikorerwa mu ngo, ihohoterwa rikorerwa igitsina n'ihohoterwa rikorerwa abana. Hashyizweho kandi umurongo wa telefoni itishyurwa **3512** wo gutabariza icyaha cy'ihohoterwa.

Yakomeje avuga mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa ingamba zafashwe harimo amahugurwa, uburyo bwo kwihutisha amadosiye, uburyo bwo gushyiraho abapolisi bihariye n'ibikoresho bihagije ndetse n'ubufatanye n'izindi nzego.

3.2.6.5. Uruhare rw'imiryango itegamiye kuri Leta mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana: HAGURUKA

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umuryango HAGURUKA, Madamu TUYISENGE Christine, yatangiye ashima MIGEPROF kuba yarateguye inama y'Igihugu y'abana, ayishimira ku biganirwa byateguriwe abana harimo n'ikibazo cy'ihohoterwa.

Yavuze ku nshingano Umuryango HAGURUKA wihaye kuva mu 1991 ku birebana no kurengera uburenganzira bw'umugore n'ubw'umwana ; agaragaza ko ababagana baba baje ahanini kugisha inama no gusaba ubwunganizi ku birebana n'uburenganzira bwabo cyangwa indishyi zikomoka ku ihohoterwa.

Yakomeje avuga ku bibazo binyuranye Umuryango HAGURUKA wakira ari byo :

- Isambanywa rikorerwa abana
- Itotezwa
- Izungura
- Abana batemerwa n'ababyeyi
- Gukubitwa no kubabazwa umubiri
- Kudatanga ibitunga abana bikozwe akenshi n'ababyeyi b'abagabo....

Madamu Christine yavuze ko abana b'abakobwa batarageza ku myaka 21 bashukika nko mu mashuri bizezwa amanota bagasambanywa ku gahato ; aha hashamikiraho irindi hohoterwa nko kwihakana umwana na nyina, gukuramo inda, n'ibindi.

Ati : « Ikirego kiza ku mwanya wa mbere HAGURUKA yakira n'ikijyanye no kwemeza ba se w'abana no gusaba ibibatunga ».

Yakomeje avuga ku mpamvu zituma abana bahohoterwa harimo ubusinzi, ubugome no kutamenya mategeko ; yanavuze ku bikorwa na HAGURUKA mu gufasha no kurinda umwana harimo ubukangurambaga, kubaherekeza no kubafasha mu bijyanye n'urugendo cyangwa ubwunganizi mu nkiko.

Madamu Christine yashoje avuga ku ngorane bahura nazo harimo gutinya kw'abahohotewe, kutamenya ibirebana n'ihohoterwa byose ndetse n'amategeko, amikoro make y'imiryango yita ku bahohotewe ndetse no kuba abanyamategeko bakorera imiryango idaharanira inyungu ari bake kandi batemerewe kunganira abakiriya babo mu nkiko. Yavuze no ku ngamba asanga zafasha mu gukumira no kurinda ihohoterwa ari zo ubukangurambaga ku burenganzira bw'umwana, ubufasha buhagije kandi buboneye ku bana bahohotewe, kwihutisha irangiza ry'imanza zirebana n'ihohoterwa ndetse no kwihutisha itegeko rirebana n'ihohoterwa.

4. IBIBAZO N'IBYIFUZO ABANA BAGARAGAJE MU NAMA

4.1. Ibibazo

4.1.1. Mu burezi

- Amafaranga atangwa n'Ibigega by'uburezi agera kubayagenewe atinze nahageze akahagera adahagije.
- Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye birukana abana b'abanyeshuli mu masomo hagati
- Ibigo by'amashuri byongeza amafaranga mu gihembwe hagati abana batayafite bakirukanwa
- Abarimu bigisha biga biteza imbaraga nkeya. Amashuri ni make mu Rwanda
- Mu cyaro abana biga ari benshi mu cyumba kandi amashuri yenda guhiririma
- Imihanda ihuza ibigo by'amashuri n'utundi turere yarangiritse ibyo bigatuma hari ibigo bihahira abana mu buryo bugoranye.
- Hariho abana b'abanyeshuli batagira aho baba mu gihe abandi bana bari mu kiruhuko.
- Kuba hatariho gahunda ihamye y'uburezi bwihariye ku bana badashobora gukurikirana amasomo nk'abandi bana badafite ibibazo.
- Hari amashuri atari mu bwiteganyirize bw'ubuzima
- Abana bata ishuri kubera kubura amafaranga y'ishuri
- Abana badatsinda ibizamini bya Leta bakangirwa gusibira

4.1.2. Kurengera abana

- Abana bahohoterwa ababigizemo uruhare ntibahanwe
- Ababyeyi babyara abana batabashije kurere (kutaboneza urubyaro)
- Imfubyi zirera badafite uburyo bwo kwibeshaho
- Abana bakiriwe mu miryango bari mu buzima bubi
- Abana barwara ntibavuzwe
- Icuruzwa ry'abana: imirimo mibi,
- Ababyeyi bohereza abana gusabiriza mu Mijyi
- Abana bavukira muri gereza bagira ikibazo cy'imirire ndetse n'imyigire
- Abana bahohoterwa n'abayobozi (umwana wahohotewe n'umwarimu amwigishaga bikamuviramo urupfu.
- Ikibazo cy'indaya zitwita zikavanamo inda cyangwa zigata abana

Ibyifuzo

Mu rwego rw'uburezi

- Gushyiraho ikigo cyigisha imyuga abana batabashije kujya mu mashuri yisumbuye muri buri murenge;
- Hakwiye gahunda yo gusobanurira abana amateka y'igihugu cyabo kuko babikeneye
- Kongera umubare w'ibyumba by'amashuri cyane cyane ko abana benshi bashubijwe mu mashuri
- Hakwiye kubaho gahunda ihamye yo kwigisha ICT mu mashuri yisumbuye
- Kwamagana imikorere y'abarimu bamwe n'abamwe bigisha mu buryo bunyuranye na gahunda za Leta aho bategura inyigisho zinyongera umwana utabashije kuziyishyurira akahadindirira

Mu rwego rw'iterambere

- Gushyira muri buri mudugudu/akagali agaronome wigisha ubuhinzi
- Kuba hakubakwa amasoko ahuza imirenge, akarere n'Intara ndetse n'ibikorwa bindi bya kijyambere bigakwirakwizwa (urugero:amazi)
- Gukora imihanda ihuza uturere no gutunganya isanzweho kugira ngo ibigo by'amashuri bimwe biri mubwigunge bishobore gusabana n'ibindi.

Guha abana ijambo

Korohereza abana kujya bageza kubana bagenzi babo imyanzuro iba yavuye mu nama Nkuru.

Kuba abana bagomba kuba ijisho ry'umuturanyi kugira ngo igihe hari ikibazo kibaye nabo batange umusanzu wabo wo kugikemura kandi bakabikora mu kinyabupfura.

Abana bifuje ko inama y'abana y'Igihugu ngaruka mwaka yajya iba mu kiruhuko cy'amashuri cy'igihembwe cya kabili.

Abana bifuje ko bazatambagizwa u Rwanda kugira ngo barumenye bityo babashe kugeza kubo bahagarariye ibyo bazi.

Kurengera abana

Kuba hakiri abantu bakuru bakoresha abana imirimo ivunanye bakwiye kubihanirwa.



5. UKO INAMA YA GATATU Y'ABANA YASHOJWE

5.1. Imyanzuro yavuye mu nama ya gatatu y'abana

5.1.1. Ku birebana no kurengera abana

Kurenganura abana bafunganywe n'ababyeyi babo muri gereza (kubashakira indyo yuzuye no kwihutisha imanza z'ababyeyi babo)

Abayobozi bagomba gushyira ingufu mu gukangurira umuryango (ababyeyi) kurushaho kwita kuburere bw'abana babo, ababiteshutseho bagafatirwa ibihano bikomeye.

Gushyira mu bikorwa gahunda yo kuvana abana b'inzererezi mu mihanda kandi inzego zose zikabigiramo uruhare.

Gushyiraho komite ku nzego z'ibanze (kuva k'urwego rw'umudugudu) zishinzwe kurinda abana imirimo mibi.

5.1.2. Ku birebana n'uburezi

Kuba nta mwana wiga mu mashuri abanza no mu cyiciro rusange ugomba kwirukanwa kuko yabuze amafaranga y'ishuri.

Gufatira ibihano biremereye umubyeyi wese ubuza umwana kujya mu ishuri.

Inzego zose zirasabwa gukomeza gukora ubuvugizi kugirango ibibazo by'abana birusheho kubonerwa umuti.

Gukorera igenzura rihoraho ibigo by'amashuri hagamijwe kureba ko bifite ibyangombwa by'ibanze ibitabifite bigahagarikwa.

5.1.3. Ku bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa abana.

Kwihutisha itegeko rihana ababyeyi bashora abana mu busambanyi cyangwa bakabashyingira imburagihe.

Gushyira kunzego zibanze (urwego rw'umudugudu) komite ishinzwe gukurikirana abakuramo inda n'abahohotera abana k'uburyo butandukanye abahamwe n'icyaha bagafatirwa ibihano biremereye.

Gufatira abihano biremereye abantu bakuru bakoresha abana imirimo mibi

Korohereza abavoka ba HAGURUKA basanzwe bunganira muby'amategeko abahohotewe guhabwa uburenganzira bwo kujya babaherekeza mu nkiko

5.2. Umuhango wo gusoza inama

Inama Nkuru ya gatatu y'Abana ya shojwe na Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'uburinganire, Madamu NYIRAHABINEZA Valérie. Abandi bafashe ijamba ni uwari ahagarariye UNICEF, Madamu Valérie TATO ndetse n'umwana uhagarariye abandi.

Uwo muhango waranzwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:

5.2.1. Imyanzuro

Umwana umwe yasomeye abari mu muhango wo gusoza inama imyanzuro bemeranyijweho na bagenzi be, ku bijyanye n'uburezi, kurengera umwana no kumurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

5.2.2. Ijambo ry'umwana uhagarariye abandi

Umwana uhagarariye abandi yafashe ijamba ashimira abitabiriye inama yabo, ashimira cyane abayobozi bakuru b'igihugu bemeye ko inama y'abana yajya iba ngarukamwaka kandi bahora babitaho uko babishoboye. Yasabye ko abahohotera abana bajya bafatirwa ibihano kandi asaba ko ubuyobozi bwazabafasha bakageza ibyavuye mu nama ya gatatu y'abana kuri bagenzi babo basigaye mu mirengiye.

Yagaragaje ko abana bakeneye urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo byubaka igihugu, guhura n'abayobozi banyuranye bakabagezaho ingamba zifatwa hagamiye amajyambere nabo ubwabo babifitemo uruhare, bakavuga ibibazo byugariye abana bagenzi babo aho bari hose, bagatanga ibyifuzo byabo kandi bakamenyana bagamiye gushakira ibisubizo ejo heza h'igihugu cyababyaye.

5.2.3 Ijambo ry'uhagarariye UNICEF

Intumwa ya UNICEF mu gufata ijamba yavuze ko inama y'abana ari igikorwa cy'ingirakamaro ku bana no ku gihugu, asaba abana kujya bakomeza kuvuganira bagenzi babo aho bari hose nk'uko byagaragaye mu nama, abasaba kuzakora ibishoboka bakageza ku bo baje bahagarariye ibikubiye mu myanzuro y'inama, kandi abizeza ko UNICEF izategura gahunda z'igihe kiri imbere yitaye ku byifuzo n'imyanzuro abana bagejeje ku bitabiriye umuhango wo gusoza inama.

5.2.4 Ijambo ry'Umushyitsi mukuru risoza inama

Nyakubahwa Madamu Minisitiri muri Primature ushinze iterambere ry'umuryango n'iry'Uburinganire, Madamu Nyirahabineza Valérie, yashimiye cyane ibitekerezo byiza abana batanze, abizeza ko bazafashwa kugeza ku bandi bana bahagarariye imyanzuro ivuye muri iyi nama.

By'umwihariko, yashoje iyi nama agaragaje ko mu nama zabereye ku Ntara n'Umujyi wa Kigali zigahuza abana bahagarariye abandi ku rwego rwa buri Murenge, ko ibitekerezo batanze byitaweho mu nkingi zose za EDPRS kuko kimwe n'abandi banyarwanda, bagaragaje ibitekerezo byabo kugira ngo u Rwanda rufate ingamba zihamye ku mbaturabukungu iganisha ku ntumbero (vision) igihugu cyihaye.

5.2.5 Gutanga impano

Nyuma yo gusoza inama, abana bagize umwanya wo guha impano abantu bose bagize uruhare ngo imirimo yabo itungane: MIGEPROF, UNICEF, Inzego zose zari mu mirimo yo gutegura inama (équipe technique), n'intumwa z'uturere twose zaje ziherekeje abana.

6. IMIGEREKA

Umugereka wa 1 : Gahunda y'Inama Nkuru ya gatatu y'abana

KIGALI, JARI CLUB, 30-31 Nyakanga 2007

UMUNSI WA MBERE : 30 NYAKANGA 2007			
Igihe	Igikorwa	Uzagikora	Impugukirwa
8h00-8h30	Kuhagera no kwiyandikisha	Itsinda Tekiniki	
8h30-8h40	Kwibwirana	Abana n'abatamirwa	
8h40-8h50	Ijambo ry'ikaze	Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali	
8h50-9h00	Ijambo rya Unicef	Uhagarariye Unicef mu Rwanda	
9h00-9h10	Ijambo rya MIGEPROF	Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire.	
9h10-9h30	Gufungura Inama ku mugaragaro	Umushyitsi mukuru	
9h30-9h45	Ibibazo abana bahura nabyo.	Umwana	
9h45- 10h40	Ikiganiro: Politiki n'ingamba za Leta mu gukemura ibibazo by'abana	Abaminisitiri ba : MIGEPROF, MINEDUC, MINALOC, MIFOTRA, CNLS.	Abana bazajya banyuzamo ibihangano byabo
10h40-11h00	AKARUHUKO		
11h00- 12h30	Ibitekerezo & ibibazo by'abana n'ibisubizo	Abana + abitabiriye inama	
12h30- 14h00	IFUNGURO		
14h00- 14h30	Ikiganiro: Kugeza ku bana ibitekerezo byabo byinjijwe muri gahunda ya EDPRS	Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN ushinzwe Igenamigambi	
14h30-15h30	Ibitekerezo & ibibazo by'abana n'ibisubizo	Abana + abitabiriye inama	
15h30- 15h45	AKARUHUKO		
15h45-17h00	Ibihangano by'abana :imivugo, imdirimbo, ibishushanyo imbyino na sketch.	Abana	
UMUNSI WA KABIRI : 31 NYAKANGA 2007			
8h30-8h45	Gusuzuma uko umunsi wa 30 wagenze.		
8h45-9h00	Ihohoterwa rikorerwa abana	Umwana	
9h00-10h 00	Ikiganiro: Uruhare rw'inzego zinyuranye mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana	Inteko Ishinga Amategeko, Polisi y'Igihugu, RALGA, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu na Haguruka.	Abana bazajya banyuzamo ibihangano byabo
10h00- 10h30	AKARUHUKO		
10h30-12h30	Ibitekerezo & ibibazo by'abana n'ibisubizo	Abana + abitabiriye inama	
12h30- 14h00	IFUNGURO		
14h00- 15h30	Ibitekerezo/ Ubutumwa bw'abana hifashishijwe ibihangano byabo	Abana	
15h30-16h00	AKARUHUKO		
16h00- 16h30	Gusangira imyanzuro y'inama		
16h30- 17h00	Gusoza	Umushyitsi Mukuru	

Umugereka 2 : Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe mu muhango wo gutangiza Inama nkuru ya Gatatu y'abana.

Umugereka 2 : Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe mu muhango wo gutangiza Inama nkuru ya Gatatu y'abana.

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE
MUMUHANGO WO GUTANGIZA INAMA NKURU YA GATATU
Y'ABANA

JALI CLUB, 30-31 NYAKANGA 2007

Bana mwese muhagarariye bagenzi banyu bandi mwaturutse mu turere tunyuranye tw'igihugu,

Banyakubahwa ba Minisitiri n'Abanyamabanga ba Leta,

Banyakubahwa bahagarariye ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda,

Banyacyubahiro mwese muri hano,
Banyarwandakazi, banyarwanda,

Mbere ya byose ndifuza kugeza kuri mwebwe abana muri hano mwaturutse mu mirengi yose y'Igihugu muje guhagararira bagenzi banyu,
Indamutso ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ubifuriza ubuzima buzira umuze no kujya mbere mwebwe ubwanyu hamwe n'abanyu bose.

Hamwe n'abandi bayobozi bari hano baje kububahiriza turabaramutsa, tubashimira kandi kuba mwitabiriye iyi nama muri benshi, bigaragaza ko iyi nama nkuru yanyu ari ihuriro (rendez-vous) rikomeye kuri mwe n'ababatumye, bagenzi banyu.

Nk'uko byibukijwe, iyi nama ije ikurikira izindi ebyiri zayibanjirije kuva muri 2004.

- Ikaba ari urubuga rwatekerejwe kandi rugashyirwaho kugira ngo abana, kimwe n’ibindi byiciro by’abagize umuryango nyarwanda, bijya bikorwa babashe guhura nk’urungano, bungurana inama n’ibitekerezo no kubishyikiriza abayobozi n’ababyeyi mu ijwi rimwe kandi ryabo bwite.
- Uyu ukaba ari umusanzu ukwiye bitangira bo ubwabo bitabaye ngombwa ko buri gihe bavugirwa n’abantu bakuru.
- Ukaba ari n’umwanya wo kubatega amatwi, kumva ibitekerezo n’ibyifuzo byabo, kugirana ibiganiro mu rwego rwo gushakira hamwe inzira nyazo zo kugeza igihugu cyacu n’abagituye ku iterambere rirambye.

Ibi bikaba bigaragara mu nsanganyamatsiko mwahisemo igira iti :

“Umwana muri gahunda y’Amajyambere rusange y’Igihugu”.

Banyakubahwa ba Minisitiri,

Bayobozi b’Inzego zinyuranye,

Bana muteraniye hano,

Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Banyacyubahiro Bana bacu,

Mu nama zishize, hatanzwe umurongo ngenderwaho wo kugirango imibereho y’abana irusheho kwitabwaho, muri gahunda zitandukanye za Leta.

Niyo mpamvu mu nama zitegura iyi zabereye ku rwego rw’Intara n’Umujyi wa Kigali, abana batanze umusanzu kuri gahunda Mbaturabukungu y’igihugu turwanya ubukene (EDPRS).

Nkaba mbashimira uburyo mwatanze ibitekerezo byanyu muri buri ngingo mwerekana URUHARE rwanyu.

Ibyo kandi niko bikwiye kumera kuko mu gihe kiri imbere, abari abana ubungubu nibo bazaba bagize imbaraga z'igihugu, bakaba ndetse aribo bazaba bari mu nzego z'ubuyobozi zitandukanye za Leta, muri Sosiyeti sivile, muri secteur privé, nibo bazaba ari n'ababyeyi mu ngo.

Bikaba rero bisaba ko izo nzego zose zikwiye gufatanya no kuzuzanya

- Mu kuboneza icyerekezo kibereye u Rwanda rw'ejo hazaza n'abazaba barutuye
- No kwita hakiri kare ku bikorwa na gahunda zituma umwana abaho neza mu gihe cye cy'ubwana, kandi agategurwa uko bikwiye kuzaterura ikivi cye yusirijwe, kucy'abamubyaye
- Si ukubatura cyangwa ukubaraga ibyatunaniye, ahubwo ni uko twifuzaga kubaha amahirwe, batagize mu bihe byashize, yo kujya inama nziza kandi zubaka n'abari bakuru cyangwa Abayobozi, ngo tugene uko imibereho izaza (avenir) y'igihugu cyacu izaba iteye kuri buri wese.

Ngira ngo ntawashidikanya ko iyo mu bihe byashize mu byiciro bitandukanye (birimo n'abana), tuza kuba twaragize amahirwe nk'aya yo kuganira n'ubuyobozi kuri gahunda z'igihugu, ari nabwo dushobora kugaragaza ikibi, kucyamagana no gushyiraho ingamba zo kugikumira, tutari kuba twaragize amahano nka jenocide yadutwaye abantu barenga miliyoni kimwe n'umutwano uremereye w'ingaruka zayo.

Nkaba mboneyeho umwana wo gusaba ababyeyi, abarezi n'abandi bose barebwa n'imibereho n'uburere bw'abana ko bakora ibishoboka byose ngo babarinde ingengabitekerezo ya jenocide kimwe n'izindi nyigisho mbi zaganisha ku macakubiri.

Muri gahunda z'igihugu z'imiyoborere myiza n'iterambere, abana bakwiye kururshaho kwitabwaho nk'icyiciro kigizwe n'umubare munini w'abagize umuryango nyarwanda.

Abana rero bakaba bagomba kwitabwaho by'umwihariko kuko akenshi aribo banazahazwa n'ingaruka z'ibibazo kurusha abandi ndetse bikaba byabaviramo n'izibakurikirana mu buzima bwabo bwose.

Guha abana ijamba bishingiye kandi ku ntego yo kubahiriza uburenganzira bwabo kimwe n'ubwa buri wese.

Ubwo burenganzira, uretse ko bunarengerwa n'amategeko y'igihugu ndetse n'amasezerano mpuzamahanga, bunashingiye kubyo buri wese aharanira kugeza ku mwana we.

Bityo,

Icyamba Mbere:

Hari uburenganzira bwo gukundwa no kubahwa

Ababyeyi, umuryango, abarezi, abayobozi bose bagomba kunganirana buri wese mu bimureba, umwana kagaragarizwa urukundo n'urugwiro kugirango umwana abe koko umutware, bimurinda ariko kuba Bajeyi cyangwa Rutare.

Icyamba Kabiri:

Umwana akeneye kandi agomba kubona ibimutunga bikwiye, kumenyerezwa isuku, kuvuzwa, gukingirwa indwara, no guhabwa ibindi byose bimufasha kugira ubuzima buzira umuze.

Icyamba gatatu:

Ni uburenganzira bwo guhabwa uburere bwiza

Umwana iyo ava akagera akenera kurerwa neza, gutozwa imico n'ingeso nziza, gusobanurirwa, kwigishwa no guhabwa ubumenyi buhagije.

Nk'uko baca umugani mu kinyarwanda ngo: **“Uburere buruta ubuvuke”**.

Ni ngombwa ko abana batanzwa buri gihe, hakiri kare umuco:

- KUBAHA – KWIYUBAHA;
- UKURI – UMUCYO – GUSHYIRA MU GACIRO bizirana n'uburiganya;
- URUKUNDO ruzira uburyarya, kwikunda, kwikubira n'ubusambo;
- UBUSHISHOZI n'ubwitonzi butari ubunebwe;

- GUSHABUKA bitari ubukubaganyi, gusakabaka cyangwa ubushizi bw'isoni muri make;
